Semyenzi, François

Sc: 1

— Rapport P.: 8

28/7/1979

[illegible] FRANCOIS
[illegible] NYARUGENGE
[illegible]

Kigali le 28/7/79

Nyakwubahwa Directeur Général
wa Service Central de Renseignements
KIGALI.

Mbahungiyiho mbatura akababaro kenshi cyane nagize muli iki gihe. Umugabo witwa SEFARA JEAN,akaba ali nawe conseiller wa secteur GIKONDO,amaze iminsi ambuza ubulyo,ambuza amahoro,akora uko ashoboye kwose kugirango ansenyere,kandi kubera ko ali conseiller yali akwiyekulinda amahoro y'abaturage ba secteur ashinjwe.

Mu magambo make dore uko byatangiye:
SEFARA JEAN turaturanye neza;inzu ye n'iyanjye ziregeranye.Nkihagera yatangiye guhira umugore wanjye,avuga ko atazagira amahoro akiliho;nkagira ngo n'ibikino,none akuo yabivuze koko ,ndabona alibyo biba.
LE 11/11/76,ba militants na ba militantes ba secteur GIKONDO bandikiye Bourgmestre wa commune NYARUGENGE bamumenyesha ingorane bahura nazo baziterwa na conseiller SEFARA,ndetse nawe bamuha copie. Akimara kubona iyo copie,ahita aha agafa umugore wanjye,amukoreshaho itera bwoba ngo niwe wagiliye abandi inama ngo bandike ibyo,anamumenyesha ko azakora uko ashoboye akamugeza iwandabaga,akamubuza amahoro.

Ntihashize iminsi ibili,atera ibiti by'intusi na sipre mu mbuga yanjye,madame agiye gukubura imbuga,ibiti abikuraho. Sefara yilirwa amutuka,amumenyesha kandi ko agiye kumufungisha. Bukeye le 26/11/76?NIBWO BAMUFUNGIYE MULI CACHOT YA CANTON I NYAMIRAMBO,ni nabwo yanditse iyo baruwa mboherereje atakamba,kandi ali mu kagozi.

Mbere aho kuli le 15/11/76 yali yandikiye bourgmestre,ansebereza umugore,ngo niwe ucumbikiye indaya n'amabandi,nkaho urugo rwanjye atalinjye urutegeka. Iyo baruwa sinshoboye kuyibonera copie iba mu Rukiko rwa Kanto i Nyamirambo,nyamara kandi nta gisubizo nali nabonera icyo kibazo kandi giteye agahinda; indi copie ili muli PARQUET y'i Kigali; nayo byahareye aho.

Le 18.11.76 ,nabwo yohereje indi barwa isa niyo maze kuvuga,ngiyo ndayiboherereje.Ubona ko icyo agamije kwali nkumbuza amahoro no kunsenyera gusa. Amahirwe nagize icyo gihe,ni uko Komine yakoze ankete,igasanga Sefara hali akagambane afite kagamije kungilira nabi,yuko bavumbuye ko yakoze amayere mabi asinyisha ba selire kuli iyo barwa mboherereje,avuga ngo ni amategeko ya Ministeri del'interieur

Le 12/5/77,nabonye indi barwa imenyesha ko agiye kunsenyera,ngiyo nayo ndayiboherereje. Rwose uretse gukabya uwo mugabo angeze kure uretse aha Nygasani gusa.

Le 30/6/77,abonye ko abyo yankoreye byose nabisimbutse,ajya guhuruza directeur w'ubuhinzi n'ubworozi,bansenyera ku manwa izuba liva,ahantu nubatse muli 1975,basenya inzu zo ku ruhande zose zifite 23 M/5 ,hamwe n'urupango nali nubakishije amabuye n'amatafali kugirango binfashe kwilinda abanyoni, ilyo senya limpombya amafranga 231.000,kandi linatuma kugeza ubu ntashobora kugira aho nituma.

Ubwo niho nabonye koko ko„SEFARA afite umugambi wo kunsenyera uko yali yarabyibwiriye umugore wanjye. Nibwo nandikiye Ministre w'ubuhinzi,n'ubworozi,antegeka kuba ntegereje. Nymara kandi SEFARA Uwo we yaliyubakiraga,kuko duturanye,na nubu kandi we arubaka.

Conseiller SEFARA nagerageje no kumuhunga ngo nimuke,umuntu wemeye kuhagura we akamubuza amubwira ko ngo Leta yahashinganye. None rwose ubu bimaze kunyobera,ndabona conseiller uwo amereye nabi cyane . None ubu amaze guwkiza ko afite uburenganzira bwose bwo gusenyera uwo ashatse ni uko ashatse,akaba alinjyewe atangaho urugero

Le 7/9/78,yagiye guhuruza inspecteur w'ubucuruzi,banfungira inzu nali nsigaranye,nyikodesha 6.000 Frws,kandi bacurulizamo urwagwa gusa. None inzu yafunzwe burundi,na registre de commerce yanjye barayitwaye nyamara ntibibaze gukomeza konsoresha kaho batazi ko bayifashe,kandi nta kosa bambwira Naba baransanzemo.

Ku b$_w$anjye,nabonaga ibi byose conseiller SEFARA yankoreye bihagije kugirango ashobore kunva ko yanjengereje ku bulyo buhagije,nyamara we ntiyanyuzwe,ndabona azaruhula , amaze kumpitana nkgva kw'isi, cyangwa se agahitana umugore,dore ko mbona ahanini aliwyibasira,nkibaza icyamuhora kikanyobera,kuko mbona nta gicumuro afite muli secteur uretse ahali kutaba umugore wa conseiller

Le 13/5/79,umugore wanjye bamwohererej e mandat d'amener,izan$_w$e n'umu gendarme,baramushorera,yirwa kuli Brigade i Gikondo,nyuma ya saa sita bamujyana i Nyamirambo mu modoka yanjye bamugejeje i Nyamirambo,bamubwira ko ataha bakazongera kumutumaho

Le 19/5/79 saa kumi, wa mu gendarme agaruka iwanjye nanone atwara madame $_w$anjye,amugejeje kuli Brigade ahasanga caporal BIZIMA ahita amukubita FER A BETON,amukubita umutego amutura hasi,yiyambura umukandara wa gisilikare,maze arahondagura mbese si ugukubita rwose aramubaga,nkaho uwo mugore wanjye yaba yishe umuntu. Ubwo kandi yakubitwaga atyo atazi icyo azira,ndetse na nubu nta cyaha bamushinje,urutse kumukubita gusa. Bamaze kumugira inonge bamujugunya mu modoka yali yapatiwe aho, bamujyana k$_w$a Muganga, bamugejeje mw'ibagiro bamuta aho. Nyuma nibwo caporal Bizimana yaje kuvuga ko umuntu bazanye aho yazize accident y'imodoka,nibwo bamusabye Muganga aramubaha,bamusubiza kuli brigade y'igikondo ,bahita bamunaga muli cachot ali indembe ava amaraso mu kanwa nomu mazuro. Bigeze saa yine z'ijoro bamuzana mu rugo kubera ko abandi basilikare bali bagiliye caporal BIZIMANA inama,bati uwo mugore w'abandi napfa biragukoraho. Ubwo abantu bamuraraho,tugize imana tubona adapfuye Ibyo byose kandi byabaye ntahali nagiye ku kazi.

MBAhungiyeho mbatakira rwose munfashe kuva muli ako karengane mbona ndimo,kandi nkaba mbona ko biterwa na conseiller SEFARA JEAN

Umugore wanjye yafashwe nk'umujura, yakubiswe,yaratutswe,banyambuye ibyanjye nsigara mhagaze gusa, nasenyewe ku manwa izuba liva ntagira icyaha,banyambuye registre de commerce nta kosa nfite,nafungiwe inzu nta mhanvu banyereka, nta bibi ntarakorerwa kandi ntagaragalizwa amakosa naba narakoze. None barafata umugore wanjye buli munsi,bakamuhondagura,bananirwa bakagarura bakajugunya mu rugo. Mwebwe rero mushinjwe ukuli n' Ubutabera,mbirukiyeho ngira ngo muntabare. Naho ubundi ndabona basigaje kunyica gusa,yuko ibindi bibi byose umuntu ashobora gukorera undi barabinkoreye.

Mbaye mbashimiye ubutabera muzunvana akaga ndimo,kandi mugire amahoro.

SENYENZI FRANCOIS

Bimenyeshejwe:

Nyakwubah$_w$a Présida wa Républika

Ministre w'UBUCURUZI

SUBSTITUT Mukuru w'i Kigali

Membres du Comité
de
Secteur Gikondo

- - - - -

Gikondo le 16/11/1976

Bwana Bourgmestre wa Commune
<u>NYARUGENGE</u>

Bwana Bourgmestre,

Tubandikiye tubamenyesha ko twababajwe n'ibintu byateye muli Secteur yacu bitigeze binababa kuva kera, none bikaba bikururwa n'abantu ba bacymbitsi, bihaye kujya bandika amabaruwa, bamwe biyita aba Cellules, abandi basebanya.

Tumaze kubona copie y'ibaruwa wandikiwe n'abantu tutazi barega Conseiller wa Secteur yacu ibinyoma, byaratubabaje cyane, kuko muli Cellules dushinzwe aléye mazina ntayo dufite, ibyo bikaba bigaragaza ko uwabikoze ali sabotage yikoreraga; ibyo kubera ko twasanze al'ugushaka guhungabanya amahoro muli Secteur. None twasanze ali umwinukira witwa MUKAGATARE Alphonsina utera ibyo.

Les Membres du Comité de Secteur:

| Cellule [illegible] | Cellule KIGARAMA | Cellule [illegible] |
|---|---|---|
| GASHAGIZI J.M.V. | MUSONERA Straton | IYAKAREMYE Joseph |
| BAGIHUGWIRA Ch. | TWAGIRAYEZU Thomas | MUNYAMBARAZI Louis |
| MUTABAZI Jerome | NPALIRWA Jean Baptiste | NYALITWA Jean |
| [illegible] Jean | GATEMBA Cassien | GAKWAYA Antoine |
| [illegible] Jean | RWAMUDABARA Raphaël | |

<u>Bimenyeshejwe:</u>
-Bwana Directeur Général wa Service Central de Renseignements
<u>KIGALI</u>

-Bwana Conseiller wa Secteur
<u>GIKONDO</u>.

Gikondo le 12.5.1977

Miltant Sefara Jean
Conseiller wa Secteur Gikondo
Commune Urbaine de Nyarugenge
Préfecture Kigali

Miltant Senyenzi
C/C Secteur Gikondo
Commune Urbaine de Nyarugenge
Préfecture Kigali

Miltant Senyenzi,

Maze kubona ko ibyo nakubwiye byerekeye urugomo mungirira utacyubikozeho, nifuje kongera kubikumenyesha kubera ibyo Madame wawe yongeye gukora, kuntemera uruzitiro n'ibiti byarwo byanyertsako [illegible] mukumikiye atarurugomo gusa, nkubitiyeho nuko mwirengeje ibyo [illegible] ko kubaka mumuhanda winodoka bitemewe mukang[illegible] mukubikora nabwo kubera agasuzuguro, [illegible] wagiro icyo ubimenyeho [illegible] ibiri, kuberako mumaze kunanira, nibitabibyeshe [illegible] mubenshi bashobora kubisuzuma.

Mbaye mbashimiye kugisubizo cyanyu Mugire amahoro

Sefara Jean

Conseiller wa Secteur Gikondo

Bimenyeshejwe

Bwana Bourgmestre wa Commune Urbaine de Nyarugenge.

Reçu le 20-5-1977

SENYENZI François
Secteur Gikondo
Commune Nyarugenge

KIGALI

Gikondo, le 20 mai 1977.

Militant SAFARA Jean

Conseiller wa Secteur Gikondo
Commune NYARUGENGE
KIGALI

Militant Conseiller,

Nshingiye ku ibarwa yanyu yo kuwa 12 Gicuransi, mbonye none kuwa 20 Gicurasi, nihutiye kubasubiza mu magambo make.

1. Iyo numva muvuga ko mwifuje kongera kumenyesha ibintu mutigeze mumbwira, numva ntabobanukiwe. Kandi ni koko, iyi niyo barwa yanyu ya mbere mbonye. Ngira ngo n'abaturage bavugishije ukuli, ntawahamya ko hali icyo mwigeze kumbwira cyerekeye ibili mu barwa mbanye.

2. Muravuga uruzitiro n'ibiti byatemwe: icyo nzi cyo ni uko ibiti byanjye, kandi n'amwe ubwanyu mutandukanya n'uruzitiro rwanyu, ali byo natemye. Kandi sinzi ko mwakwitiranya ibiti byanjye n'uruzitiro rwanyu. Ikindi kandi nkaba nifuza kumenya igitums icyo gikorwa igihanye Madame kandi ataliwe unyubakira.

3. Ibyo kubaka n'umuhanda, nkuko nabivuze haruguru, ntimwigeze mungira iyo nama ya kibyeyi, mumbwira ko niyangiriza negereza cyane inzu kumuhanda; n'ubwo zabornes zitarashingwa bwose. Kandi ngira ngo duturanye k'uburyo inzu itakubakwa ngo isuzume mutarabimenya.

4. Ibyerekeye urugomo; nshimye ko n'amwe ubwanyu muzi ko ibyo nkora atali rurgomo. Ahubwo mwumve mu byavuzwe mu nyandiko-mvugo y'urubanza numvise ko mwaburanye na Madame n'uburyo ntazi.

Ndangije ntaretse gusobanuza imhamvu yatumye hanyura icyo gihe cyose ntarabona iyi barwa yanyu, kandi hagati yanjye namwe ntaruzitiro ruhali, nkuko mubivuga.

Mbashimiye ituze musanganywe.

SENYENZI François.

Bimenyeshejwe:
Militant Bourgmestre wa Commune
Urbaine de Nyarugenge
KIGALI

M.D
RÉPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE L'AGRICULTURE
ET DE L'ELEVAGE
B. P. 621 KIGALI

Kigali, le 15 JUIN 1978

N° 1201 /12.11

Réf. N° :
Annexe :
Objet :

Kuli Bwana SENYENZI François
Rwanda Fourniture Works
B.P 524
K I G A L I .-

Bwana,

Nkulikije ibaruwa yawe yo kuwa 12 Gicurasi 1978 idusaba ikibanza i Gikondo, ndakumenyesha ko ugomba gutegereza ko aho hantu ikibanza kili hapimwa; noneho ukabona kuhadusaba ikibanza.

MINISTRI W'UBUHINZI
N'UBWOROZI

NZAMURAMBAHO Frédéric.-

Ministre de l'Agriculture et de l'Elevage
P.O. le Secrétaire Général

[illegible] Alphonsine
Secteur Gikondo
Commune NYARUGENGE

Kigali, le 26 novembre 1976.

Kuli Bwana Substitut uhagaraliye
Procureur wa Républika
i KIGALI

Bwana Substitut,

Mbahungiye ho mbatura akababaro kanjye. Mvuye mu buloko bwa Canton y'i Nyamirambo. Mu magambo make; kuwa gatatu mu gitondo, noheleje urubyiruko nshinzwe mu mikino, nsigara nitegura kubakulikira. Igihe ngeze k'umuhanda, mbona umupolisi wa Commune ansanze aho nalintegeye imodoka, anyereka "mandat d'amener". Ati: ngwino tugende.

Kuva ubwo aranshorera na ndembo, angeza m'urukiko. Bati: icara hasi. Nadashize akanya, bambaza amazina y'ababyeyi banjye. Ndayavuga, birangiye bahamagara Chef de Poste, ngo nanjyane muli "cachot". Chef de Poste ategeka ko abasilikali banaga muli cachot. Kuva ubwo ngwa mu kantu, ndashoberwa.

Nafunzwe saa inne yo mugitondo, le 24/11/1976, mfungurwa le 25/11/1976, saa tanu yo kumanywa. Nase gufungurwa, bambwira ko Sefara aliwe wamfungishije ngo naramututse. Mbyumvise ntyo, nibuka ko amaze iminsi anyandikira inzandiko nyinshi cyane zintuka, n'izindi zinsebya mu bategetsi; mbese nk'uru rukulikira. Kandi hejuru y'ibyo ntiyaretse gukwiza muli secteur yose ko azamfungisha uwo ntazavamo. N'ikimenyimenyi, yamaze kumfungisha, ajya guhamagara urubyiruko mpagaraliye muli secteur, ngo nibaze bajye kureba uko Nyirabuja yimakajwe.

Abana barahageze, balira ayo kwalika; umusilikali arabirukana, bagenda batumva batabona. Aliko ndabamenyesha ko ibyo byose byambaye ho umugambo wanjye atabizi.

Bwana Sustitut uhagaraliye Procureur wa Républika,

ndangije mbatakambira mwese abashinzwe guharanira Ukuli n'Ubutabera mu Rwanda, mbabaza kundwana ho mumbaliza ako karengane ko gufungirwa akamama, ntaburanye, nkanafungurwa ntazi icyo nafungiwe. Nirengagije ibyo bitutsi byose biranga urwango Sefara anyanga, nifuza kumenya icyaha cyamfungishije nk'inyanga-Rwanda.

Militante SENYENZI Alphonsine.

[signature]

Charles NKURUNZIZA
Ministre de la Justice
KIGALI.-

C. A.P.A
2.08.79

Kigali, le 24 Juillet 1979

Son Excellence Monsieur le
Président de la République
KIGALI.-

Excellence Monsieur le Président,

J'ai l'honneur de m'adresser à Votre Excellence pour demander 15 jours de mon congé annuel pour l'exercice en cours à partir du 6 Août jusqu'au 20 Août inclusivement.

Vous remerciant d'avance, je Vous prie d'agréer, Excellence Monsieur le Président, l'expression de ma très haute considération.

Charles NKURUNZIZA,
Ministre de la Justice.-

Demande à réintroduire plus tard - dès la fin de récente mission sur la gestion des biens publiés

d. Minijust 2.8.79

Nyamata, le 20 Juillet 1979

30.7.79 1097/079

Bwana Ministre w'Ubucamanza
KIGALI.

Bwana Ministre,

Nkulikije umunyururu nafungwe w'urugomo kuva kw'italiki ya 4/01/1978 kugera kuya 26/06/1979 mfungiwe muli Prison Centrale ya Kigali, aliko kuva icyo gihe akaba nta interrogatoire nigeze nkorerwa ngo menyeshwe icyo mfungiwe cyangwa undega ngo nshobore kwiregura, ngafungwa nkinyanga Rwanda kandi nali nali umuturarwanda kavukire, nkaba ku bwanjye nalibazaga ko nubwo nakora icyaha nashinjwa ngahanwa kimwe n'abandi, bakulikije amategeko ahana ibyaha, cyangwa se ayaliyo yose aliko yanditse.

Bwana Ministre, kuli iyo taliki nafungweho nazize inzangano bwite nali mfitanye na HAKIZIMANA Philippe I.P.J na Bigilimana Fulgence, Juge-Président Suppléant w'Urukiko rwa Kanto ya Nyamata wali mumwanya wa Juge-Président aliwe Chef de service. Izo nzangano zigakomoka ku mashyali y'ubutunzi nabarushaga n'ubukire, bantoteza ngo simbahakwaho mu byanjye ntarama ngo kandi bantegeka.

HAKIZIMANA I.P.J yankoreye interrogatoire kuwa 8/8/78 ambwirako ba contrôleurs ba Ministère y'Imali baje kunkontorora ntahali ngo basanga mbuze amafaranga 318.000frs, namaze kwiregura kurayo mafaranga, nawe ubwe mubaza icyo yamfungiye kuli iyo taliki ya 4/01/78 ntacyo yansubije no iyo interrogatoire yankoreye namusabye kubyandikamo, byanditsemo.

Ku italiki ya 4/10/1978 njya kuburana kwa Substitut nawe ndabimubaza, aransubiza ngo n'akazi kanjye n'uwamfunze. Ku italiki ya 18/06/1979 nibwo nagiye kuburana mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali. Nabajije abacamanza ko iyo contrôle yagombaga kubaho ibanje gutegulirwa n'ifungwa ryanjye. Abacamanza baransubije ngo nzarege uwamfunze ngo baraburanisha urwo baregewe. None Bwana Ministre mbandikiye iyi barwa mbasaba kumpesha ububasha n'uburenganzira bwo kurega abo bangiliye urugomo bakantesha agaciro n'urubwa, ubuzima bwanjye bukononekara. Ali Hakizimana Philippe ali na Bigilimana Fulgence buli muntu ndamurega isano ry'icyaha afite muli iryo gilirwa nabi ryanjye.

1.-HAKIZIMANA Philippe ndamurega gusobanura icyo yamfungiye kuva le 4/I/1978 kuko njye nabimubajije ntagire icyo ambwira n'ubucamanza mbajije bakambwira ngo baraburanisha icyo bashikilijwe.

2.-Murega ko yamhohoteye yitwaje compétence générale yahawe na Leta, kuba yaranku ye mu biro ndi umukozi wa Leta akamfatisha akamboha, nkarangiza iminsi ibili kungoyi amaboko aboheye mu mugongo, nkaho nishe umuntu cyangwa se igisambo cyatoboye inzu.

Bwana Ministre, iyo ngoyi naboheshejwe mu mwaka 1978 Abaturarwanda twese twali tuziko twayipakuruye mu mwaka w'i 1959 bikubitiyeho kandi tuzi ko constitution iyamagilira kure

3.-Nongera kumurega ko kuwa 15/10/1977 yaguliye abaturage

bakantegera ku tubali dutuliye umuhanda.../..

nanyurugamo ngo baze kunkubita bamenagulireho imodoka. Nkaba kuli iyo taliki naravuye i Nyamata saa ya kabili ya ni mugoroba, Hakizimana akankulikira, twagera hafi yaho banyweraga inzoga z'imihigo kububali, aba ali muli V.W yiwe akanyaka umuhanda nkawumuha. Tugeze kuli ubwo bubali aba yatambitse imodoka mu muhanda ukata ujya iwanjye, atangira kuntuka ngo namuteye umukunguguu, naho ubwo arahamagara abo barwanyi be ngo ntacyo bazaba niwe mugenzacyaha. Nakijijwe n'abagabo nali ntwaye bakora i Kigali.

Icyo kirego nahise ngishyikiliza uwali Chef wa Brigade Judiciaire Kigali aliwe IYAMURAGIYE Benjamin arambwira ngo ubwo dukora muli Ministère imwe ngo n'ukureka akazamubaza imhamvu bihereye ngo noneho akazampa igisubizo; aliko ntacyo nabonye.

4.-HAKIZIMANA Philippe ndongera kumurega ko kw'italiki ya 22/09/1977 afatanije na Bigilimana Fulgence Juge-Président Suppléant wa Kanto ya Nyamata na Mivumbi Simon wali Agent du S.C.R Secteur Bugesera bankuye mu biro bakamenasa mu muhanda bakanyambura za Bons Pours z'abandimo amadeni, bakanankubita. Icyo kirego nkaba naragishikilije Ministère muyobora kuwa 23/09/1977, Ministère ikohereza abajya gukora enquête kuwa 30/9/1977 ali nabo bansubije i Nyamata, narabaye imhunzi. Bakaba baramaze kubona ibyambere ntacyo byabatwaye bagahitamo kumboha, nkajya muli Prison Centrale.

Nubwo Ministère ntacyo yabikozeho, ndasaba uburenganzira bwo kubikulikirana.

BIGILIMANA Fulgence ndamurega ko: 1.-Yali Chef wanjye akangambanira. Ibyo kandi bikaba binyuranije n'amategeko agenga administration centrale.

2.-Ndamurega kuba yali Chef de Service akigabiza amafaranga ya Leta akiguliza bamaze kumpa congé annuel akiguliramo isambu ahitwa i Kayenzi ho muli Commune Kanzenze, akaguliza n'abandi bakozi, namara kuyafungirwa angambaniye, kandi yarayemereye imbere y'intumwa zo muli Ministère zaje gukora enquête kuwa 30/9/1977 ndetse na bagenzi banjye ntawahakanye ayo alimo akaba kugera ubu ahembwa ntiyishyure nabo bandi ntibishyure yitwaje umugururu wa gahato nali mfunzwe.

3.-Bigilimana ndongera kumurega ikirego cy'ibinyoma n'urubwa yanteye ngo natorokanye imishahara yabo mu kwezi kwa 8/1977, kandi aliwe wayifashe kwa Comptable mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo bahimba dossier afatanije na Hakizimana Philippe alibwo yabishinze I.P.J MUHIRWA Pierre ngo amfunge nkerekana imhapuro zerekana ko nta mishahara yabo nzanye kandi ko babaza naho nyakura ko hali ayo nazanye. I.P.J MUhirwa Pierre namweretse na za bons pour za madeni Bigilimana afitiye caisse nali mbereye Responsable kimwe n'izabandi bakozi kandi bose beragiye barenza imishahara yabo. I.P.J Pierre bons pour yarazandukuye ubwo hali kuwa I5/9/1977 alinabwo asanze ikirego cyabo kitagira ishingiro akandeka. Kuli 22/9/1977 bagiye inama yo kumfata barazinyambura.

4.-Bigilimana Fulgence ndongera kumurega ko umushahara wanjye mu kwezi kwa II/1977 yafashe kwa Comptable wa Ière Instance abandi akabahemba ayanjye akambwira ngo yigulije ngo azayanyishyura ku mushahara we w'ukwezi kwa I2/1977 amaze guhembwa. Naramwishuje arambwira ngo ntayo ampaye. Muregera bagenzi bacu dukorana, aravuga ngo nzamurege, naho yizeye ko ahanjye harangiye azi umunsi.

5.-Ndongera kurega Bigilimana Fulgence ko afatanije na Hakizimana Philippe bahishe pièce comptable muli contrôle yakozwe ku munsi ntazi aliko nkamenyeshwa ibyiyo contrôle kuwa 31/06/1978 ali nabwo nasinye rapport de contrôle bayinsangishije muli gereza ko rero baligishije quittancier nkayiregwa nyuma ikaza kubabonekamo, na mubu ikaba ili mu rukiko rwa kanto ya Nyamata. Akaba kuyihisha aruko batali bagulisha quittancier y'amafaranga 45.000frs y'uwitwa Rubindanya Sylvère. Iyo quittancier namenyeshejwe ko yabonetse muli urwo Rukiko kuwa I7/8/1978 ngahita mbimenyesha Substitut Nsengiyumva Apollinaire nkongera kubisobanulira imbere y'Urukiko kuwa I8/6/1979 ali nabwo naburanaga urwo rubanza, ndetse ibyo byaha bikaba ali bibili kuli Hakizimana Philippe I.P.J na Bigilimana Fulgence Juge-Président Suppléant wa Kanto ya Nyamata. Kuba balibye quittancier bakaligiza bakayindaga n'icyaha.

..../....

Kubaharaliye amafaranga y'umuturage nkaho yinjiye muli za livres comptables kuko batinye gushiramo umukono wabo nabwo n'icyaha ukwicyo(n'ubujura).

Ikindi nuko Bigilimana Fulgence afatanije na Hakizimana Philippe bagambanye ku mugabo wali untwaye mu modoka ukora muli Ministère ya Finance ajya kuntemberesha mugiturage iwabo wa Bigilimana Fulgence mboshye mu modoka ngo arereka iwabo ko ategeka kandi ko umwanzi yamufashe nkuko babinkoreyebambohera imbere y'abaturage n'urubyiruko rw'abanyeshuli ba Ecole Primaire ya Nyamata ngo barantesha agaciro. Uwo mugabo wo muli Finance akaba ali na mwene wabo wa Bigilimana Fulgence mu bwoko,alinabwo anshuliye ngo nanga bene wabo ngo none reka numve.Imvura nyagilira mu modoka bajya kwinwera iwabo wa Fulgence. Ubwo bugome hali aho butaniye no guhotora umuntu? Nsabye Leta ko yabikulikirana.

Bwana Ministre,iyo ngoyi mvuga ya Bigilimana Fulgence na Hakizimana Philippe nayivanyweho n'abasilikare bakora muli Armée Présidentielle banzanze kuli Station Judiciaire camp Kuhima nyimazeho kabili,ubwo murumva uko nali merewe.Ikindi kuba narafunzwe nkarangiza umwaka ntazi undega nta interrogatoire,kandi nta cyaha mfite,ngo bitwaje compétence générale mpisemo kubikulikirana nishingikilije amatwara ya Republika ya 2 yanga akarengane,nishingikililije ingingo ya 67 yo mugitabo cy'amategeko ahana ibyaha.
Nkongera kwishingikiliza ku ngingo za 258 kugeza kuya 260 zo mu gitabo cy'amategeko mbonezamubano no ku ngingo zubahiliza agaciro ku muntu(Droit de l'homme).
Ibi ndeze nizeye ko bizakulikiranwa nshingiye ku ngingo ya I2 yo muli Constitution.

Ibyerekeye Mivumbi Simon ntacyo nshobora kubivugaho kimwe nabo bagenzi be mu nabi nagiliwe kuwa 22/09/I77 kuko icyo kirego cyashikilijwe Ministère ya nkoreshaga aliyo y'ubutabera,ntigire icyo ibikoraho cyangwa se ibe yarambakaniye ko idashobora kubikulikirana nkuko nabisabye Ministère y'ubutabera mu ibarwa namwandikiye kuwa 3/I0/77 ndetse ako karengane akaba nkabara kukarengarano nagiliwe na Ministère naregeye ntirangize urubanza.Akaba nkeka ko halimo ikraMu yigondoye hagati ya Ministère naregeye nabo bagabo naterejwe ngo bankoresha uko bishakiye.
Iyi baruwa mvuze haruguru yo kuwa 3/I0/77 ifite n°. I44/06.03.00/77 murayifite.Nanjye kugeza ubu copie yayo ndayifite,président wa Première Instance wali umbereye Chef arayifite Présidence ya République y'U Rwanda ifite copie yayo,Direction Générale du S.C.R ifite copie yayo,S/Préfet wa S/préfecture Bugesera afite copie yayo,ndetse na Bourgmestre wa Commune ya Kanzenze ali nayo ili mu ifasi nakoragamo afite copie yayo,aliko ntacyakozwe,nta n'igisubizo nabonye ahubwo igisubizo nabonye n'umunyururu.

Muli iyi baruwa nsabye ko mwambwira Parquet naregera,impamvu ibinteye nuko nifuza kwiburanira ntisunze umushinja-cyaha,cyokora nkamuregera n'uburanire cyane cyane imbere y'abacamanza ntihagaralira ku giti cyanjye kugirango aba ndega ni babeshya baburana mbabeshyuze,kandi hali ingingo ibiteganya.

Ikindi nuko ntifuza ko urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali ko rwakulikirana urubanza rwanjye impamvu murayizi,nabandikiye kenshi igihe nali muli gereza nsobanura ko Président wa Première Instance yanyimye urubanza ngo mburane ahubwo akantumaho gatatu kose mpakulira nabo bamfunze banyisekera,akankubyuka ngo azanshyura ngo azi ko narenganye. Ibyo mwabyerekwa na dossier yanjye ili muli Direction ya gereza y'i Kigali,nta assignation ni mwe ilimo;aliko yararenze nshyura bagenzi banjye bali ba greffiers comptables,ndetse bamwe bo mu nkiko twahanaga imbibi,kandi bose bakaba barahombye amafaranga,bikubitiyeho babajyanaga no muli contrôle aliko jye ntacyakozwe kandi twali dufunganwe,basinyiye za manquant zabo kuko bakontorowe bahali,ndetse bamwe murabo bali bafite ibyaha bibili,déficit na falsification des diplômes,aliko jye nta na kimwe cyagaragaraga nshinjwe uretse amagambo y'inzangano,abamfunze bahimbaga.Nabuze imbabazi kimwe n'abandi nimwa n'urubanza mburana. Abo basore bose barafunguwe bahabwa liberté provisoire mbere y'amezi ane. Ryo vangura rero n'irutanisha rya bene mugabo umwe liberekeakarengane.

Bwana Ministre,murayo mabaruwa nabandikiye nababwiraga ko nandikiye président y'urukiko rwa mbere rw'iremezo nuko ali umubyeyi nkuko yankoreshaga,musaba komba urubanza nta gisubizo na kimwe yigeze amba kugeza igihe ninginze abakarani be,nsabye rapport kwa Directeur wa Prison,nigereyeyo bambwira ko dossier yanjye Président yayifungiranye iwe mu kabati ko batayibona aho.
Nase kubona benshi behose muli Prison Centrale ya Kigali barangije imyaka itanu,itandatu batataburana,kandi badasi a kwandika no kujya kubaza Président wa Première Instance,nkubise umutima ku kagahbane nagiliwe mfungwa na Présidenstance aho kuntumaho ngo mburane akantumira kubonana n'abamfunze batamba inesa,kandi nandika buli gihe simbone igisubizo na kimwe nibwo nahisemo gutabaza umubyeyi w'igihugu,mutakambira,musaba kunsabira uru anza nkaburana

Kw'italiki ya8/5/79 nibwo nabonye igisubizo cy'umubyeyi w'igihugu
..../....

Yohereje bamwe mu bakozi ba Préside[illegible] mbaza ibyanjye uko biteye,maze kubi[illegible]anuli[illegible]
nibwo bansenseranije ko nzabona igisu[illegible]o vuba bidatinze.Kw'italiki ya I8/6/I979 nibwo
nahawe urubanza ndaburana,nasomewe ku[illegible] 22/06/I979 ntaha kuwa 26/06/79.Urukiko ntirwigeze
rwibaza kumpa assignation kimwe n'abandi kandi byali ngombwa.Kw'italiki ya I8/06/79
Présidenstance yiheje mu rubanza rwanjye.impamvu mvuga ko yarwihejemo nuko abajya kumubaza
dossier yanjye,yarababwiraga ngo arayifite kandi ngo niwe azayiburanishiliza.

Kubera izo mpamvu zose n'izindi mbonye atali ngombwa kuvugira muli iyi baruwa nubwo zose zigaragara nicyo gitumye nihana urukiko rw'iremezo rwa Kigali nkaba nsaba ko urubanza rwanjye rwazaburanishwe n'urukiko rwa Gisenyi cyangwa se rw'i Kibungo.,byo mbikesha ububasha bwanyu,nkaba nsaba nuko mwambwira Parquet nashikiliza ikirego cyanjye.

Bwana Ministre ndangije mbashimira,kandi nizera ko uburenganzira nsaba nzabuhabwa niba ntakilimo kinyuranije n'amategeko,kandi niba hali nibyo nibeshyeho mbasabwe kuzanyobora mukambwira n'inzira nanyuramo.

Mbifulije ishya n'ihirwe n'uburumbuke.

Ex-Greffier-Comptable

NZABALINDA Jean Pierre.

BIMENYESHEJWE:

-Nyakubahwa Président wa Républika w' u RWANDA
KIGALI.

-Bwana Bourgmestre wa Commune
KANZENZE.